REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'ABAKOZI BA LETA N'UMURIMO

# Ibibazo Bikunze Kubazwa ku Ivugurura ry'Inzego za Leta

- **Kuvugurura Inzego za Leta bivuze iki?**

Imiterere y'Inzego za Leta yavuguruwe mu rwego rwo kongerera imbaraga n'ubushobozi aho byagaragaye ko bikenewe , kuvanaho imirimo imwe n'imwe ihuriye ku nshingano zimwe no guhuza inshingano zifitanye isano ya hafi hagamijwe gukomeza kongerera Inzego zose za Leta ubushobozi kugira ngo zirusheho gutanga serivisi nziza. Iri vugurura kandi ntirireba gusa imiterere y'Inzego z'Imirimo kuko ririmo n'ibindi bikorwa binyuranye bigamije gufasha Inzego za Leta gukomeza kugira uruhare mu iterambere rirambye hagabanywa ikiguzi mu mikorere, no kugira abakozi bashoboye kandi bafite indangagaciro n'imyitwarire mbonezamurimo.

- **Kubera iki aya mavugurura yakozwe?**

Amavugurura y 'imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'Inzego za Leta yashingiye kuri gahunda ya Guverinoma y'igenzura rihoraho ry'imikorere y'Inzego za Leta mu gusubiza ibyo abaturage bifuza ndetse n'ibyo biteze kuri Leta. Amavugurura yashingiye kandi ku ruhare Inzego za Leta zigira mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'iterambere. Bityo, aya mavugurura agamije no kurushaho kongera ubushobozi n'umusaruro by'Inzego za Leta mu kugera ku ntego z'Igihugu mu iterambere.

- **Ni uwuhe musaruro witezwe muri aya mavugurura ?**

Leta igamije kubaka ubushobozi bw'abakozi bazafasha Inzego za Leta kuzuza inshingano zazo no kubaka Inzego za Leta zigira uruhare rukomeye mu gutanga umuti ku bibazo binyuranye kandi zigatanga umusaruro ujyanye n'inshingano zazo bityo zikarushaho kugira uruhare mu gushyira mu bikorwa gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi igamije gukomeza kubaka ubushobozi bw'Inzego za Leta kugira ngo zirusheho gutanga serivisi nziza no gucunga neza umutungo wa Leta.

- **Kubera iki serivisi z'ikoranabuhanga zavuguruwe ?**

Serivisi z'ikoranabuhanga zaravuguruwe mu rwego rwo kwifashisha ikoranabuhanga mu guteza imbere imikorere y'Inzego za Leta no kwihutisha ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu Nzego zose za Leta ku kigero cya 100% bitarenze 2024 nk'uko biri muri Gahunda ya Guverinoma y'Imyaka 7 (2017-2024).

- **Ese guhuza serivisi bivuze iki ?**

Guhuza serivisi (hashingiwe ku hantu Inzego zikorera no ku Nzego zifite inshingano zuzuzanya) byakozwe hagamijwe kongera imikorere myiza mu Nzego za Leta, guhuza serivisi aho biri ngombwa ikaba ari inkingi ikomeye muri aya mavugurura.

***Guhuza serivisi hashingiwe ku hantu Inzego zikorera*** byakozwe ku Nzego za Leta zikorera mu nyubako imwe. Muri izi serivisi harimo : kuyobora abaje gusaba serivisi, ubunyamabanga, ububitsi bw'inyandiko na serivisi z'ikoranabuhanga. ***Guhuza serivisi hashingiwe ku Nzego zifite inshingano zuzuzanya*** byakozwe kuri Minisiteri zifite ibigo bizishamikiyeho mu rwego rwo kubaka ubushobozi mu buryo bwagutse.

Serivisi zahujwe hashingiwe ku Nzego ni izi zikurikira : Igenamigambi, ikurikiranabikorwa n'isuzumabikorwa, gucunga abakozi, ibijyanye n'amategeko n'ibaruramari.

- **Ni ukubera iki hari Inzego zahujwe ?**

Guhuza Inzego zimwe na zimwe byabaye igisubizo cyo kwirinda gutatanya imbaraga n'umutungo kuko hari imirimo imwe n'imwe yari ikwiye guhuzwa ndetse hakaba hari n'Inzego za Leta zitandukanye zari zifite inshingano zifitanye isano ya hafi.

- **Ni gute izi mpinduka zose zizashyirwa mu bikorwa?**

Mu rwego rwo kunoza ishyirwa mu bikorwa ry'izi mpinduka, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo yashyizeho amabwiriza agenga ishyirwa mu myanya ry'abakozi mu rwego rwo gufasha gushyira mu bikorwa aya mavugura kugira ngo icyari kigamijwe kizagerweho neza.

- **Ni iki kigiye gukurikiraho?**

Ivugurura ry'imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ryakozwe nka kimwe mu bikorwa binyuranye biteganyijwe birimo kuba kuba hari Ibigo bimwe na bimwe bya Leta byakoreraga mu Mujyi wa Kigali, byimuriwe mu Ntara mu Mijyi yunganira Kigali mu rwego rwo guteza imbere ubukungu, imibereho myiza n'ibikorwa bizamura iyo Mijyi yunganira ndetse no gutanga serivisi nziza ku baturage. Mu bindi biri gukorwa harimo kandi ibi bikurikira:

- ✓ gushyiraho uburyo bwo gushaka abakozi hagendewe ku isuzuma ry'ubushobozi no kwita cyane ku bafite ubumenyi bwihariye ku isoko ry'umurimo;
- ✓ gushyiraho uburyo bw'imicungire y'abakozi bubafasha mu iterambere mu mwuga wabo hagamijwe gushimangira gahunda yo kugumana abakozi ba Leta batanga umusaruro ushimishije;
- ✓ gushyiraho gahunda yo kumenyereza abakozi bashya mu mirimo inyuranye batangiye hagamijwe guteza imbere imyitwaire mbonezamurimo n'indangagaciro mu kazi;
- ✓ gushyiraho ibipimo by'ubuziranenge mu mitangire ya serivisi mu rwego rwo gukomeza kongera umusaruro w'Inzego no guteza imbere ubunyamwuga ;
- ✓ gushyiraho ingamba zo kumenya ahari ubushobozi bwihariye mu Bakozi ba Leta no kubuteza imbere hagamijwe kunoza igenamigambi rirambye mu micungire y'abakozi n'ibindi.

***Ku bindi bisobanuro, mwahamagara:***

Bwana Anastase NIYONSABA,
Umukozi ushinzwe Itangazamakuru n'Itumanaho muri Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo

Telephone: +250785082849

Email: aniyonsaba@mifotra.gov.rw.